INYANDIKO IGARAGAZA UKO ABAGENERWABIKORWA BA FARG BADINDIYE MU MASHURI YISUMBUYE BAZAFASHWA MU MWAKA W'AMASHURI W'2019.

I.INTANGIRIRO:

Umwaka w'amashuri yisumbuye uzatangira ku itariki ya **14/1/2019**. Nk'uko bigaragara, hari abanyeshuri bacikirije mu mashuri yisumbuye nabo bagikeneye gufashwa, iyi nyandiko ikaba igamije kugaragaza impamvu zatumye badindira ndetse n'uburyo nabo bafashwa .

II.ISOBANURAMPAMVU

Nyuma y'imyaka **25** jenoside yakorewe abatutsi ihagaritswe, hagiye hagaragara ingaruka zitandukanye ku bacitse ku icumu, abenshi bikababera imbogamizi yo gusubira mu buzima busanzwe nk'uko ariyo ntego nyamukuru ya FARG.

Mu mwaka w'2014-2015 hakozwe igikorwa cyo gusura abanyeshuri bishyurirwaga na FARG mu mashuri yisumbuye hagamijwe ko buri munyeshuri ku giti cye agaragaza ingorane yagize zatumye adindira mu mashuri yisumbuye. Dore zimwe mu mpamvu bagaragaje:

- Hari abahagaritse amashuri bajya kurera barumuna babo, bamaze gukura babona gusubira mu ishuri,
- Abasigaranye umubyeyi ufite ubumuga utabasha kugira ikindi yikorera bikaba ngombwa ko bamwe biga abandi bakagumana n'umubyeyi wabo,
- Hari abakiriwe mu miryango y'abantu bakuze cyane bakabatangiza amashuri batinze
- Abahagaritse amashuri bagashaka akazi kugirango babashe gutunga imiryango yabo,…

Hashingiwe kuri ibi bibazo byagaragajwe, aba banyeshuri bakomeje gufashwa kugirango babashe kurangiza amashuri yisumbuye. N'ubwo bafashijwe, uko imyaka ishira, hagenda hagaragara n'abandi bakiri mu mashuri yisumbuye tukaba tubona bagenerwa uburyo bushya bwo gufashwa.

III.UKO ABAGENERWABIKORWA BASIGAYE TUBONA BAFASHWA

Kubera ko aba bagenerwabikorwa bamaze gukura (umuto afite imyaka 25) turabona bafashwa mu buryo bukurikira:

- **Abanyeshuri bacikirije amashuri yisumbuye batageze mu mwaka wa gatandatu, turabona bakoherezwa mu mashuri y'imyuga bitewe buri wese n'aho yagarukiye yiga,**

- **Abagenerwabikorwa barangije 9YBE batsinze ikizamini cya leta, bokoherezwa mu bigo bya leta turabona bafashwa bakarihirwa**

- **abagenerwabikorwa bashaka kwiga amashuri yisumbuye asanzwe ni ukuvuga umwaka wa 4,5 cyangwa munsi y'aho, bagirwa inama yo kwiga 9YBE cyangwa 12 YBE bitewe n'icyiciro buri wese agezemo,**

- **abanyeshuri barangije umwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye ariko ntibabone impamyabumenyi/impamyabushobozi, turabona bafashwa nibura gusubira mu mwaka wa gatandatu kugirango bongere amanota(amelioration).**

Umugenerwabikorwa wemerewe kwiga imyuga, azahabwa icyemezo gisinyweho n'Ubuyobozi bukuru bwa FARG, akaba aricyo azagaragaza ku ishuri rizaba ryamuhaye umwanya(amashuri asanzwe akorana na FARG). Iki cyemezo nicyo kizashingirwaho kugirango aba banyeshuri bishyurirwe.

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kigali, Kuwa...../..../2019

Ref.....

"FARG"
Ikigega cya Leta cyo gushyigikira no gutera inkunga
Abatishoboye barokotse jenoside yakorewe Abatutsi
Tél: 3562
*E-mail :info@*farg.gov.rw

ICYEMEZO GIHABWA UMUNYESHURI MUSHYA WISHINGIWE NA FARG KWIGA MU MASHURI YISUMBUYE N'AY'IMYUGA, UMWAKA W' 2019

FARG@2019

Umwirondoro w' umunyeshuri:

1. Amazina ye : .....
2. PIN number : .....
3. Amazina y' ababyeyi:

   Se: .....

   Nyina : .....

   Afite Mutuelle de Santé: **Yego** ☐ **Oya:** ☐
4. Intara :.....
5. Akarere :.....
6. Umurenge :.....
7. Umwaka yagarukiyemo: **Primary**: ..... **O'Level** : ..... **A'Level**: .....
8. Igihe aheruka kwiga:.....
9. Ikigo yigagamo: .....
10. Ikigo agiyemo : .....
11. Umwaka n'Ishami/Umwuga azigamo : .....
12. Impamvu ashaka kwiga umwuga : .....

.....

Byemejwe na :.....

Ubuyobozi Bukuru bwa FARG

Umukono na Kashi
Itariki.....

Amazina n'umukono by' Umuyobozi w' ikigo agiyemo

Umukono na Kashi
Itariki.....